# UMUBITSI W’INYANDIKOMPAMO Z’UBUTAKA

# Icyemezo cy’iyandikishwa ry’ubukode burambye ku butaka

## IBIRANGA UBUTAKA


| | | |
|---|---|---|
| UPI:5/07/12/01/6846 | Ubuso: 4311 metero kare | Imikoreshereze y’ubutaka: Ubuhinzi |

| | |
|---|---|
| Intara : Uburasirazuba | Akagali : KABEZA |
| Akarere : Bugesera | Umudugudu : Gasarwe |
| Umurenge : RILIMA | Imyaka y’ubukode : Imyaka 99 itangira kuwa 15/06/2026 |

## IBIRANGA UKODESHA

| Amazina y’ukodesha cyangwa ay’abakodesha | Inomero z’ikiranga ukodesha | Imigabane (%) | Amazina n'aho uhagarariye abandi abarizwa |
|---|---|---|---|
| 1. UPGROW RWANDA LTD | 134202981 | 100.00 | RUBADUKA KENNY (1199980007638151)<br>Uburasirazuba,Bugesera,RILIMA,KABEZA,Gasarwe |

## IGISHUSHANYO CY’UBUTAKA




*Iki cyemezo koranabuhanga kigira agaciro gusa iyo amakuru akiriho ahura n'amakuru yanditse muri rejisitiri y'ubutaka aboneka ukanze *651# kuri telefoni ngendanwa cyangwa usuye urubuga https://amakuru.lands.rw/*

AMASEZERANO Y' UBUKODE BURAMBYE KU BUTAKA No 6846/BUG/RIL/KAB/001

Hakurikijwe Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Repubulika y'u Rwanda, ihagarariwe n'Umubitsi w'Inyandikompamo z'Ubutaka (umukode) igiranye n'ukodesha/ abakodesha amasezerano y'ubukode burambye ku butaka mu buryo bukurikira:

1. Aya masezerano yerekeye uburenganzira bw'ubukode burambye ku butaka bufite UPI 5/07/12/01/6846

2. Igihe cy'ubukode ni imyaka 99 ishobora kongerwa hakurikijwe amategeko abigenga;

3. Mu gihe cyose ubukode buzamara, ukodesha ubutaka agomba kubufata neza no kubukoresha yubahiriza igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka n'andi mategeko abigenga;

   Icyakora, Ukodesha ubutaka ahahoze peyizana y'Ibirunga nahandi hahegereye hagenewe guhingwa ibireti n'inzego za Leta zibishinzwe, yubahiriza gahunda yo guhinga ibireti byibura ku buso bungana na 40% kuri buri gihe cy'ihinga n'imibisikanire yigihingwa cy'ibireti n'ibindi bihingwa byagenwe n'Inzego za Leta zibishinzwe. Agomba kandi kuba umunyamuryango wa Koperative y'abahinzi bakoresha ubwo butaka;

4. Ukodesha agomba gukoresha ubutaka mu buryo bukwiye kandi buboneye hakurikijwe ibikubiye muri aya masezerano n'ibiteganywa n'amategeko abigenga. Agomba kandi gufata ingamba za ngombwa zigamije kurinda ubutaka kwangirika, kubungabunga ibidukikije no kutabangamira imitembere kamere y'amazi;

5. Ukodesha agomba gushyiraho ibimenyetso bigaragaza imbibi z'ubutaka bwe no kwirinda kuzihindura. Ukodesha kandi ntagomba guhindura icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa atabiboneye uruhushya rwanditse nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga;

6. Ukodesha agomba gukoresha ubutaka mu buryo butabangamira ubutaka buhana imbibi n'ubwo akodesha. Abujijwe kandi kubangamira abo bahana imbibi mu gihe babyaza umusaruro ubutaka bwabo hakurikijwe icyo bwagenewe gukoreshwa;

7. Iyo hari uburenganzira ku mutungo w'ubutaka busangiwe n'abantu benshi, ubahagarariye ntashobora gutanga ubwo burenganzira abuguriishije, abutanze nk'impano, kubugurana ubundi, kubugwatiriza, kubukodesha, kubwatira cyangwa kububangikanyaho ubundi burenganzira bitemejwe n'abanditse ku nyandikompamo z'ubutaka bose. Icyakora, ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka abashyingiranywe bahuriyeho, ryemezwa n'abashyingiranywe bombi n'iyo umwe muri bo yaba atanditse ku nyandikompamo z'ubutaka;

8. Ibikorwa bisabirwa uruhushya mbere yo kubikorera ku butaka, ukodesha agomba kubanza kubibonera uruhushya rwanditse mbere yo kubikora;

9. Ukodesha ntashobora kubuza abakozi b'inzego zifite imicungire y'ubutaka mu nshingano cyangwa undi muntu uwo ari we wese ubifitiye ububasha kwinjira ku butaka buvugwa muri aya masezerano mu rwego rwo kugenzura iyubahirizwa ry'imikoreshereze yabwo n'ikindi gihe bibaye ngombwa;

10. Igihe cyose ukodesha cyangwa undi wese wahawe uburenganzira n'ukodesha ubutaka bubahirije kandi bakuzuza inshingano zikubiye muri aya masezerano n'amategeko abigenga, bakoresha mu mudendezo ubutaka buvugwa muri aya masezerano n'ibiburiho batabangamiwe n'umukode uretse igihe amategeko abiteganya ukundi;

11. Ukodesha yemerewe guhererekenya uburenganzira afite ku butaka hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga;

12. Ukodesha ntagomba kubangamira imirimo ikorerwa munsi y'ubutaka cyangwa mu kirere kiri hejuru y'ubutaka buvugwa muri aya masezerano mu gihe iyo mirimo igamije inyungu rusange kandi ikorwa hakurikijwe amategeko abigenga;

13. Ukodesha afite inshingano yo kwishyura imisoro n'andi mafaranga asabwa ku butaka agenwa hakurikijwe amategeko abigenga;

14. Ukodesha ahabwa indishyi ikwiye mu gihe ibikorwa by'inyungu rusange byakozwe n'umukode cyangwa n'undi muntu wabiherewe uruhushya rwanditse n'umukode bibangamiye uburenganzira bwe ku butaka;

15. Umukode ashobora gusesa amasezerano y'ubukode abanje guha integuza y'iminsi mirongo icyenda (90) ukodesha mu gihe bigaragara ko atubahirije inshingano zikubiye muri aya masezerano cyangwa biturutse ku zindi mpamvu ziteganywa n'amategeko;

    Icyakora, umukode ntashobora gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka iyo hari impamvu yumvikana yagaragajwe n'ukodesha ituma atubahiriza amasezerano;

16. Ukodesha nawe ashobora gusaba mu nyandiko ko amasezerano aseswa iyo atagikeneye ubutaka nyuma yo gutanga integuza y'iminsi mirongo icyenda (90) umukode, agaragaza impamvu yo gusesa amasezerano.

Uhagarariye abakodesha

RUBADUKA Kenny

Ku ruhande rwa Leta y'u Rwanda

15/06/2026

Umubitsi w'Inyandikompamo z'Ubutaka

*Iki cyemezo koranabuhanga kigira agaciro gusa iyo amakuru akiriho ahura n'amakuru yanditse muri rejisitiri y'ubutaka aboneka ukanze *651# kuri telefoni ngendanwa cyangwa usuye urubuga https://amakuru.lands.rw/*